KWAMAGANA UBUFATANYE BWA KAGAME NA KABILA MU KWICA IMPUNZI

Ishyaka PDR-IHUMURE riramagana ryivuye inyuma amasezerano y'ubufatanye yaraye ashyizweho umukono na ba Minisitiri bashinzwe ingabo z'ibihugu by'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Kuri uyu wa kane, tariki 24 Nzeli 2015, nibwo I Kigali muri Village Urugwiro, hashyizweho umukono ku masezerano y'ubufatanye hagati y'ibihugu byombi mu mugambi ugamije kongera kugaba ibitero bya gisilikali ku mpunzi z' Abanyarwanda zibumbiye mu mutwe wa FDLR ubarizwa mu mashyamba yo muri RDC. Bamwe muri izo mpunzi ni abahunze ubwicanyi Kagame n'umutwe we wa FPR bakorera Abanyarwanda kuva 1990 kugeza magingo aya, abandi ni ababakomotseho, ndetse abandi ni abakomeza guhunga kubera kubura umutekano n'uburenganzira bwabo mu Rwanda. Ikibabaje kandi ni uko ayo masezerano yasinywe mu bwihisho, kuko abayasinye (ibihugu byombi), bazi neza ko ibyo bakora ari amahano, ko binyuranyije n'amasezerano mpuzamahanga arengera impunzi, kandi bakaba bazi neza ko ibyo izo mpunzi zisaba ngo zitahe; ari byo Demokarasi mu gihugu zikomokamo, bifite ishingiro.

Mu gihe ayo masezerano yashyirwagaho umukono kandi, ingabo z'u Rwanda zari zarangije kugera ku butaka bwa Congo, mu rwego rwo kwitegura kugaba ibyo bitero. Haranavugwa kandi ibigega by'intwaro z'ubwoko bwose zihunitswe mu karere ka Kinyogoti gaherereye hafi ya Mugunga hafi y'umugi wa Goma. Izo ngabo ndetse zanatangiye gutera ubwoba abaturage bo muri utwo duce zirimo, zibahatira kuzifasha mu kurwanya uwo bita umwanzi (FDLR), nyamara bo bakaba bari basanzwe bibanira neza n'izo mpunzi kuko basangiye akababaro ko kuba baragambaniwe ndetse bakanatereranwa n'ubutegetsi buriho mu bihugu byombi. Ibi na byo bikaba biteye

impungenge, kuko bituma hakomeza ihemberwa n'urwango hagati y'abaturage batuye muri kariya karere.

Tuributsa ko ibitero nk'ibi bigiye kuba akarande kuri izi mpunzi, kuko uretse ibyo badahwema kuzigabaho hafi ya buri munsi mu buryo buteruye -haba abasilikali ba Congo cyangwa ab'u Rwanda- habayeho ibindi byeruye cyane cyane nk'ibyabayeho mu mwaka wa 2009, bikaba byarasize bigaritse ingogo amagana n'amagana muri izo mpunzi.

Icy'ingenzi cyihishe inyuma y'ibyo bikorwa, ni gahunda y'itangizwa ry'undi mutwe mushya wa gisilikali, nyuma y' aho uwanyuma (ariwo M23) mu mitwe myinshi Kagame yashyizeho, usenyewe mu mpera z'umwaka wa 2013. Ishyirwaho ry'iyi mitwe rikaba ryarafashije Kagame n'agatsiko ke mu gushimangira igitugu cye, kuko iyo mitwe iremerwa muri Congo, yagiye ifataho bugwate bamwe mu baturage b'icyo gihugu ndetse na bamwe muri izo mpunzi maze ikabakoresha muri gahunda zayo zo kwiba umutungo kamere wa Congo, bityo amafaranga avuyemo akayatangamo ruswa mu mahanga ngo akomeze amushyigikire agume ku butegetsi, ndetse anahishire ihonyora ry'uburenganzira bwa muntu akomeje gukorera abaturage bo muri kariya karere.

Ishyaka PDR-IHUMURE riramagana ryivuye inyuma, iyi migambi n'ibikorwa by'ubugome, ubujura ndetse n'ubwicanyi biyihishe inyuma, bityo rikaba ritabariza ziriya mpunzi ku mahanga yose ngo zirenganurwe. PDR-IHUMURE irongera no kwamagana ibikorwa by'urukozasoni bikomeje gukorerwa bamwe muri izo mpunzi, zifungirwa kandi zicishwa inzara mu nkambi aho zifungiye I Kisangani. PDR-IHUMURE iributsa ko ziriya mpunzi zitahwemye gusaba ko habaho ibiganiro hagati ya Leta y'u Rwanda n'abatavuga rumwe nayo bose, mu rwego rwo gushaka ukuntu u Rwanda rwaba igihugu Abanyarwanda bose bibonamo kandi bisanzuyemo. Nk'uko umuyobozi waryo –Paul Rusesabagina- yabikoze kuri 16 Ugushyingo 2006, ubwo yatangaga ikirego cyiswe "Compendium of RPF Crimes"I Arusha, aranahamagarira abanyarwanda bose guhagurukira rimwe nk'abitsamuye, bakamujya inyuma maze twese hamwe tukarandurana n'imizi, ingoma ikomeje guhekura abanyarwanda. PDR-IHUMURE kandi irereka abanyarwanda ko ingoma mpotozi yarangije akayo, kandi ko ibimenyetso byinshi bibyerekana, uhereye kuri iki cy'uko umutwe w'iyi ngoma, umwicanyi Kagame yangiwe kwinjira mu gihugu cya Canada. Iminsi y'igisambo

irabaze. Izi zose ni ingaruka z'urugamba dukomeje kurwana, kandi nta kabuza tuzarutsinda.

Ishyaka PDR-IHUMURE kandi ririzeza impunzi z' Abanyarwanda bo muri Congo, ko ritazabatererana, ko ahubwo rizakomeza kubatabariza, kubatiza umurindi, ndetse no gufatanya na bo mu nkubiri yo gushaka kuzana demokarasi mu Rwanda, ngo Abanyarwanda bagire ihumure kandi baruhuke ihahamuka batewe na Kagame.

Bikorewe I Bruxelles,

Tariki ya 25 Nzeli 2015.

Umuyobozi wa PDR-IHUMURE,

Paul Rusesabagina